# Akanyoni kange



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro cya gatatu cyo gusoma
3



# MUMPE URUBUGA NSOME!

## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

## IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Akanyoni kange



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

NIYIGENA Ange Fiette, yanditse uyu muvugo afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, mu rwunge rw'amashuri rwa Muraza, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba. Uyu muvugo we, AKANYONI KANGE, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Kanyoni kange kanyoni nkunda
Kanyoni tamba tamba tamba
Kanyoni guruka guruka guruka.




Kanyoni gatatse amabara meza
Kanyoni garuka unsage dukine.



Kanyoni keza gira unyegere
Ngwino unyereke amababa yawe
Ngwino duseke tunaririmbe.



Ngwino nkwigishe ibyiza nize
Ngwino dusome wige inyajwi.




Nize inyajwi i u, niga o a e
Ngizo inyajwi eshanu nize
Ngwino nawe ngwino uzige.



Nize kuririmba neza cyane
Niga gusimbuka urukiramende
Ngwino nawe ngwino ubyige.



Nize amabara meza utazi
Niga umutuku niga umukara
Niga icyatsi niga ubururu.



Ngwino unsange ngwino yewe
Ngwino dukine mabigibigi.



Ngwino wige ibindi nize
Ngwino dusome wige ingombajwi
Nawe uzandikire inshuti zawe.



Nize ingombajwi s na m
Niga n'izindi nyinshi utazi
Ngwino nawe ngwino uzige.



Guruka unsange kanyoni keza
Umbwire ko wamenye ibyo wize
Duseke tubyine tunaririmbe.



Dore utunyugunyugu kanyoni keza
Dore n'utuyuki turi guhova
Tugize ibyiza by'ino iwacu.



Ngwino ngwino nkujyane iwacu
Nkuzimanire amata dutereka
Dutaramane dutekanye.




Kanyoni keza ubwo nguhaye
Urwo rukundo tuzaruhorane
Rube igihango cy'ubumwe bwacu.



Ubumwe bwacu buzasagambe
Uzage unkangura uko bukeye
Ngane ishuri ndwanye ubujiji.



Ntuzone udusaka twange
Uzaturinde ubugira kenshi
Ninsarura tuzataramana.



Uzambwirire bagenzi bawe
Ko icyo dusabwa ari urukundo.
Ngo amahoro aganze mu rwa Gasabo.



Tubibe hose urwo rukundo
Ubumwe bwacu bugere hose
Ni ko bikwiye iwacu i Rwanda.

# Akanyoni kange

Kanyoni kange kanyoni nkunda
Kanyoni tamba tamba tamba
Kanyoni guruka guruka guruka.

Kanyoni gatatse amabara meza
Kanyoni garuka unsage dukine.

Kanyoni keza gira unyegere
Ngwino unyereke amababa yawe
Ngwino duseke tunararirimbe.

Ngwino nkwigishe ibyiza nize
Ngwino dusome wige inyajwi.

Nize inyajwi i u, niga o a e
Ngizo inyajwi eshanu nize
Ngwino nawe ngwino uzige.

Nize kuririmba neza cyane
Niga gusimbuka urukiramende
Ngwino nawe ngwino ubyige.

Nize amabara meza utazi
Niga umutuku niga umukara
Niga icyatsi niga ubururu.

Ngwino unsange ngwino yewe
Ngwino dukine mabigibigi.

Ngwino wige ibindi nize
Ngwino dusome wige ingombajwi
Nawe uzandikire inshuti zawe.

Nize ingombajwi s na m
Niga n'izindi nyinshi utazi
Ngwino nawe ngwino uzige.

Guruka unsange kanyoni keza
Umbwire ko wamenye ibyo wize
Duseke tubyine tunararirimbe.

Dore utunyugunyugu kanyoni keza
Dore n'utuyuki turi guhova
Tugize ibyiza by'ino iwacu.

Ngwino ngwino nkujyane iwacu
Nkuzimanire amata dutereka
Dutaramane dutekanye.

Kanyoni keza ubwo nguhaye
Urwo rukundo tuzaruhorane
Rube igihango cy'ubumwe bwacu.

Ubumwe bwacu buzasagambe
Uzage unkangura uko bukeye
Ngane ishuri ndwanye ubujiji.

Ntuzone udusaka twange
Uzaturinde ubugira kenshi
Ninsarura tuzataramana.

Uzambwirire bagenzi bawe
Ko icyo dusabwa ari urukundo.
Ngo amahoro aganze mu rwa Gasabo.

Tubibe hose urwo rukundo
Ubumwe bwacu bugere hose
Ni ko bikwiye iwacu i Rwanda.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA